

SAEMAUL ZERO HUNGER COMMUNITIES “SZHC” PROJECT

“ISANO ISHAMITSE UBUKIRE”



URUHARE RW'URUBYIRUKO MU GUKUMIRA NO KURWANYA IHAKANA N'IPFOBYA RYA JENOSIDE YAKOREWE ABATUTSI MURI MATA 1994: Cyanika 05/05/2015

Bayobozi mwese muteraniye hano,

Bafatanyabikorwa b'umushinga Isano Ishamitse Ubukire mwese,

Baturage b'umurenge wa Cyanika mwese muri hano,

By'umwihariko rubyiruko, bana bacu,

Nongeye kubihanganisha muri ibi bihe turimo bitoroshye byo kwibuka amateka mabi igihugu Cyacu cyanyuzemo ya Jenoside yakorewe Abatutsi muri Mata 1994.

Munyemerere mbanze mbagezeho ubutumwa Umuyobozi mukuru wa Unity Club Intwararumuri, akaba ari Madamu wa Nyakubahwa umukuru w'igihugu cyacu, Madame Jeannette Kagame.

Nk'umubyeyi wacu twese kandi ukunda urubyiruko by'umwihariko, yaduhaye ubutumwa bwo kubagezaho agira ati *“Bana bacu, mwe mbaraga z'igihugu cyacu, ntimugatezuke ngo mutatire igihango mwagiranye n'igihugu cyo kugiteza imbere, kucyirinda kandi ariko murushaho kuba intore nziza. Gufata umwanya nk'uyu wo kwibuka inzirakarengane zazize Jenoside yakorewe Abatutsi muri Mata 1994, bitanga icyizere gikomeye cy'uko ejo haza h'igihugu cyacu ari heza cyane kuko ari mwebwe maboko yacyo. Ni mukomere rero n'ubwo amateka yacu atari meza, ariko dufite ubushobozi bwo kuyahindura tukubaka andi mateka meza kandi twarabitangiye”*.

Mu mwaka wa 2010, ubwo abanyamuryango ba Unity Club intwararumuri basuye umurenge wa Cyanika, basanze abaturage bawutuye bagifite ibikomere basigiwe na Jenocide yakorewe Abatutsi muri Mata 1994. Nta kizere cy'ubuzima bari bagifite, bari bafite ihungabana rikabije, urwicyekwe hagati y'abaturanyi n'ibindi byinshi. Mu mwaka wa 2012, Unity Club mu bufatanye na WFP (Umuryango w'Abibumbye uharanira ibiribwa ku isi) hakoze ubuvugizi muri leta ya Korea y'Amajyepfo bwo gufasha abaturage bo mu murenge wa Cyanika kwivana mu bukene no kongera kubaka imibanire myiza binyuze mu mushinga witwa "SAEMAUL ZERO HUNGER COMMUNITIES" "ISANO ISHAMITSE UBUKIRE". Uyu mushinga ushyirwa mu bikorwa n'umuryango witwa Good Neighbors International hamwe na Unity Club ukaba ukorera mu midugudu 6.

Unity Club by'umwihariko, ifite inshingano y'ubukangurambaga hamwe no gushyira mu bikorwa gahunda igamije guteza imbere imibanire myiza y'abagenerwabikorwa. Ni muri urwo rwego Unity Club yatangiye gahunda y'Ubumwe n'Ubwiyunge igamije kongera guha urubuga abagenerwabikorwa kuganira ku bibazo bibugarije hagamijwe guteza imbere imibanire myiza ndetse no kubafasha gukora ibikomere byasizwe n'amateka. Ibi bikaba byarabimburiwe n'igikorwa cyo kurangiza inyubako y'urwibutso rwa Jenocide rwa Cyanika rushyinyuyemo abazize Jenocide yakorewe Abatutsi muri Mata 1994. Ubukangurambaga bukorwa na none binyuze mu kiganiro ngarukakwezi kiba buri wa kabiri wa nyuma w'ukwezi, mu mahugurwa no mu bindi bikorwa bitandukanye.

N'ubwo Unity Club isanzwe ifite gahunda zitandukanye ihuriramo n'ibindi byiciro by'abagenerwabikorwa, muri icyi gihe cyo kwibuka yahisemo kwibanda by'umwihariko k'urubyiruko rwo mizero y'igihugu cyacu.

Jenocide yabaye mu Rwanda itandukanye cyane na Jenocide zindi mujya mwumva zabayeho, mu Rwanda, Jenocide yakorerewe abanyarwanda, ikozwe n'abanyarwanda ubwabo, nyuma ya Jenocide yakorewe Abatutsi mu Rwanda, abagize uruhare muri Jenocide baturanye n'abayirokotse, mu yandi magambo barabana umunsi k'uwundi. Ibi bitandukanye n'ibyo mu bayahudi (Jewish), kuko bafite ubutaka bwabo butandukanye n'ubw'ababakoreye Jenocide aribo aba NAZI. Iyo ntambwe igihugu cyacu cyagezeho, ni intambwe ikomeye cyane kuko amahanga ntabwo yari yiteze ko abanyarwanda bakwishakamo ibisubizo ku buryo

bugenze kuri uru rwego. Ibi byose tubicyesha ubuyobozi bwiza burangajwe imbere n'umukuru w'igihugu Nyakubahwa Paul KAGAME intore izirusha intambwe.

Ngira ngo mumaze iminsi mwumva ku maradiyo atandukanye, aho abaturage bamaze iminsi basaba ko Itegeko nshinga ryavugururwa kugira ngo ashobore kwiyamamariza gukomeza akatuyobora. Kugira ngo abaturage bafate umwanzuro nk'uwo, ni uko baba babanje gushishoza kandi bagashingira ku bikorwa bifatika Nyakubahwa umukuru w'igihugu cyacu yatugejejeho bifuzako byakomeza. Abatarasobanukirwa, cyane cyane mwe rubyiruko, mwegere abakuru babasobanurire hatazagira ubayobya kandi buri wese agaragaze uko abitekereza mu bw'isanzure.

Umubare munini w'abanyarwanda ni urubyiruko nk'uko uwatanze ikiganiro yabigaragaje, bishatse kuvuga ko igihugu cyacu gifite amaboko haba none ndetse n'ejo hazaza kuko ari mwebwe gitezeho amizero nk'uko nabivuze na mbere. Mu Rwanda n'urubyiruko rwinshi rwishoye mu bikorwa bibi mu gihe cya Jenocide yakorewe Abatutsi muri Mata 1994 igishimishije n'uko Jenocide yahagaritswe kandi n'urubyiruko rw'abanyarwanda. Ushaka kugira icyo ageraho akenshi yiyambaza urubyiruko kubera imbaraga zarwo.

Abasize bakoze Jenocide baracyahari kandi baracyafite umugambi mubisha wo kongera gusubiza igihu cyacu mu icuraburindi. Abakoze Jenocide kandi ubu bageze ku ntambwe yo gushakisha uko bahishira uruhare rwabo none ubu batangiye kuyihakana cyg se kuyipfobya. Ibi bikorwa mu buryo bwinshi butandukanye kandi ababikora baba bagambiriye kwigarurira urubyiruko rwo rufite imbaraga nyinshi. Rubyiruko, Bana bacu, turabasaba kwitwararika mu byo mukurikira byose mukabanza gushyiramo ubushishozi kugirango mutazagwa mu mutego w'umwanzi. Birabasaba kwiga mukajijuka, mugasobanukirwa n'amateka y'ukuri yaranze igihu cyacu kandi mugahagurukira kuvuguruza amateka mabi yose aharabika igihugu cyacu n'abagituye.

Muri iki gihe twibuka Jenocide yakorewe Abatutsi muri Mata 1994 ku nshuro ya 21, urubyiruko rurakangurirwa kugira uruhare rugaragara mu guhangana n'ingaruka twasigiye na Jenocide ari nako ruharanira ko bitazongera kubaho, haba mu gihugu cyacu ndetse no ku isi hose. Ibi bizagerwaho ari uko urubyiruko

rukurikije inama cg umurongo ngenderwaho igihugu cyacu cyihaye ariwo wo gushyira ubunyarwanda imbere kurusha ibindi byose. Kugirango turusheho kandi guhangana n'ingaruka za Jenocide, urubyiruko rurasabwa kwegera abasizwe iheruheru na Jenocide yakorewe Abatutsi muri Mata 1994 rukabahumuriza ndetse rukabatera inkunga mu byo rushoboye byose rwifashishije inzego z'ibanze. Nkaba mbashima igikorwa cyiza mwatangiye cyo kubakira utishoboye wacitse ku icumu nk'uburyo buhamye bwo kumufata mu mugongo.

Dukomeze ubufatanye muri uru rugamba rwo kurwanya abapfobya n'abahakana jenocide.

Ndangije nkomeza kubihanganisha, MUKOMERE!